

COVID-19 vaccination information October 2021

<p>Ufite byibura imyaka 12</p>	<p>Buri wese ufite imyaka 12 cyangwa hejuru yayo ashobora kubona urukingo rwa COVID19 niba abishaka</p> <p>Urukingo ni ubuntu</p> <p>Rugizwe na doze ebyiri.- doze ya kabiri uyifata nyuma y,ibyumweru bitatu nyuma y'urwa mbere</p>
<p>KUKI WAGOMBYE GUFATA URUKINGO RWA COVID 19?</p>	
<p>Ruzakurinda kurwara covid19- kandi ruzarinda umuryango wawe, inshuti n abandi bantu mu bana ngo batandura covid19</p>	
<p>Abantu bakingiwe bazatuma covid-19 idakwirakwira hose</p>	
<p>NIHE NAVANA AMAKURU Y'IBYO NKENEYE KUMENYA KUGIRA NGO NIYEMEZE KURUFATA?</p>	
<p>Niba utizeye cyangwa uhagayikishijwe n'urukingo rwa covid19, bivugane n'umuntu. Uwo muntu ashobora kuba ari uwo mu muryango wawe, umufasha wawe wihariye, umuganga wawe, cyangwa umukozi ukora muri farimasi.</p>	
<p>Niba uhagayikishijwe no gufata urukingo kubera ubuzima bwawe cyangwa se imiti ufata, bivugane na muganga wawe akugire inama</p>	
<p>Reba kuri runo rubuga ibya gufasha gufata ikimezo: https://www.health.govt.nz/system/files/documents/pages/covid-19-vaccine-decision-making-tool-easy-read-24may2021.pdf</p>	
<p>BIGENDA GUTE IYO WIYEMEJE GUFATA URUKINGO RWAVE?</p>	
<p>Umukozi utanga urukingo azakubaza umwirondoro wawe akubaze neza niba wemeye gufata urukingo</p> <p>Urukingo ruterwa mu mikaya y'ukuboko ahangana hejuru.</p> <p>Nyuma utegereza iminota 15 mbere yo gutaha.</p> <p>Bazaguha agakarita kemeza ko wahawe urukingo kandi baguhe n 'umunsi azagarukiraho gufata urwa kabiri, hanyuma ubone gutaha</p>	<p>Name:</p> <p>1 Vaccine: Pfizer/BioNTech Date given:/...../.....</p> <p>Remember to attend your appointment to have your second dose of vaccine. You will have the best protection after two doses.</p> <p>2 Second appointment date:</p> <p>Time: Location:</p> <p>Vaccine: Pfizer/BioNTech Date given:/...../.....</p>
<p>NIHE USHOBORA GUFATIRA URUKINGO?</p>	
<p>Hari ahantu henshi hafunguye ushobora kwikingiza, kandi kenshi nsingombwa gufata randevu, Ushobora kuhanyura gusa, ugasaba kwikingiza. Hamwe ushobora kwikingiza utangombye kuva mu modoka ahandi ugatambuka n'amaguru.</p>	
<p>Hano hari urutonde rwaho ushobora gufata urukingo hose hari muri NZ https://www.healthpoint.co.nz/covid-19-vaccination/</p>	
<p>Niba ukeneye ubufasha kugirango ubone ahantu hafi yawe, baza umuganga wawe wa GP / umuryango, ikigo nderabuzima, umufarumasiye cyangwa umukozi wawe wingenzi.</p>	

This information is from the New Zealand government website <https://www.health.govt.nz/our-work/diseases-and-conditions/covid-19-novel-coronavirus/covid-19-vaccine>